IKIGANIRO MINISTRI W'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE YAGIRANYE N'ABANYAMAKURU

Ibikorwa by'urubyiruko n'ibibazo byarwo bihora bivugwa sibwo bwambere abanyamakuru mu byumva, ahubwo nifuje yuko twabiganira, tukungurana ibitekerezo cyane uyu mwaka w'Urubyiruko 1985.

Urubyiruko tuvuga ni bande ?

Urubyiruko ni abafite kuva ku myaka 15 kugeza kuli 25, akaba ali nabo uyu mwaka ureba; kandi si abatali mu mashuli gusa n'abayalimo urabareba.

Abakili munsi y'imyaka 15 baba ali abana bakili mu mashuli mato barerwa n'ababyeyi. Naho abafite kuva ku myaka 15 kugeza kuli 21 baba bali mu mashuli cyangwa bali iwabo bashobora kwirwanaho batigenga kuli byose. Mu mategeko y'igihugu cyacu, ufite imyaka 21 aba ali mukuru ibyo akoze yabibazwa ku giti cye. Duhitamo kugera ku myaka 25 kubera ko hali abakomeza amashuli baba ahanini bararangije. Mu mibare dufite bavuga yuko urwo rubyiruko ruli hafi miliyoni n'ibihumbi magana tatu (1.300.000, 1/5 de la population). Hali ibyiza byinshi bikorwa n'urubyiruko aliko abantu bakibanda kuvuga ibibi. Ibyiza byarwo nyamara nibyinshi.

Urubyiruko rwacu rufite ubuzima bwiza n'ingufu, rwitabira gukora, amatwara ya Muvoma yararucengeye. Hali aliko n'abadashobotse bake. Nanone umukobwa aba umwe agatukisha abandi.

.../...

Ibibazo by'urubyiruko

Nanone kandi urubyiruko rufite ibibazo rusangiye n'abandi baturage n'ibindi rwihaliye. Navuga ubukene buturuka ku mutungo muke, amasambu adahagije ku bahinzi, kubura akazi kabaha amafaranga, Hakaba n'ikibazo cy'ubujiji gituma urubyiruko rwacu rutamenya uko rwakwirwanaho.

Ikibazo cy'umuco

Usanga imibereho y'abo hambere urubyiruko rusanga idahuje n'igihe rugezemo; ariko aho kugira ngo bashake ukuntu bayihuza n'igihe bagezemo, ugasanga bitabira iby'ahandi badashunguye. Ninayo mpamvu usanga bafite irari ry'ibintu, bashaka gukira batavunitse. Ugasanga barirukira mumigi batekereza ko hali umukiro; ndetse ugasanga hali abakwicwa n'inzara kandi iwabo hali ~~umukiro~~ aliyabatunga.

Abashinzwe kwita k'urubyiruko ali mu burere, ali no mukurukangulira ibikorwa by'amajyambere ntibababikora ku buryo buhagije.

Nk'ababyeyi bamwe badohotse k'umulimo wabo wo kurera; ndetse n'ubutegetsi ugasanga budakulikira ku buryo buhagije ibireba urubyiruko. Nanone Leta ikora uko ishoboye kugira ngo ifashe urubyiruko. Ibyo bikaba bishingiye ku mabwiliza yahawe Minister y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Iyo Ministeri igomba kwita k'Urubyiruko cyane rutize cyangwa rutashoboye kurangiza amashuli. Ikarutoza gukunda igihugu no kugikorera,

.../...

ikarwigisha ibyerekeye ubworozi n'ubuhinzi bya kijyambere batibagiwe n'ubukorikori. Ikabagira n'inama m'ugushinga amashyirahamwe y'Urubyiruko. Urwo rubyiruko rukagira kandi abaruyobora kugera byibuze murwego rwa Komini. Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ifatanije na Komini n'abandi bagiraneza bashyizeho ibigo bigamije kujijura urubyiruko. Ibyo bigo byibanda kukwigisha imyuga, kugira ibikorwa bigaragara byafasha ikigo kikaba cya kwitunga.

Hali kandi abashinzwe Urubyiruko muli Prefegitura, Suprefegitura, mu rwego rwa Komini ubu tukaba tuliho dushyiraho abarushinzwe muli Segiteri bikazagera muli Selire. Abo bose ~~bakaba~~ bashinzwe kurukangura no kuruhuliza mu bikorwa bya kijyambere. Aho naho hali ibibazo. Hali :

Abadakora bahunga icyaro

Kubera cya kibazo cy'umuco, usanga bamwe m'urubyiruko bahunga imilimo ivunanye ndetse hakaba abibaza bati ko bahunga isuka bakirukira mumugi bizamera bite ? Aha rero nagira ngo nibutse ko Prezida wa Repubulika yasabye Urubyiruko ko rwakwita ku milimo y'amaboko, bakitoza gukorera mu cyaro kandi bagashishukalira ubuhinzi. Prezida wa Repubulika arongera ati : "Ndamenyesha Urubyiruko ko mumugi ntamilimo ihagije ihali". Ayo mabwiliza tugomba kuyumva tukayacengeza mu rubyiruko.

.../...

Bati ko rwanga rukaza muzarugira mute ? Ni ugukomeza tukarwereka inzira nziza. Kubananiranye, nkuko bisanzwe bikorwa, iyo bafashe izo nzererezi barazirobanura, abafite iwabo barahabohereza bakabashyikiliza ubutegetsi bwa Komini, Burugumesitiri akabashinga ababyeyi, abadafite uko bigira higwa uko bafashwa. Abananiranye bakabashyira mu bigongororamuco.

Ibibazo by'Amashyirahamwe y'Urubyiruko

Amashyirahamwe y'Urubyiruko afite nayo ibibazo. Usanga ahanini umutungo wabo batawucunga neza kandi utanahagije, nibyo bashoboye kugulisha bikabura abaguzi. Aho tukaba duteganya inyigisho zijijura abanyamuryango zikazabafasha kugira umutungo uhagije kandi umeze neza. Kubyo imigulishilize y'ibyakozwe mu by'ubukorikori nkuko Komisiyo yabyize yasabye yuko habaho muli Komini aho ibintu byakozwe mu mashyirahamwe byateranilizwa hakaba n'amangazini ku rwego rwa Prefegitura ndetse no muli Capital. Hagashakwa amasoko mu mahanga. Cyakora abakora ubukorikori nabo ntibagomba gukora iby'abanyamahanga gusa ahubwo bakwiye no gukora ibyagurwa n'abanyarwanda kandi ku giciro kigereranije. Kubyo bakora ntibibande ku bintu bimwe gusa.

.../...

Umwaka w'Urubyiruko

Muli Disikuru Prezida wa Repubulika yavuze yifuliza abanyarwanda bose Umwaka mushya wa 1985 yasabye ko Umwaka w'Urubyiruko waba uwo guśubiza amaso inyuma tukareba ibyo twagezeho mubikorerwa urubyiruko noneho rukarushaho kwitabwaho kugirango rukangukire amajyambere.

Uyu mwaka programu dufite ni iyo :

2

- Kureba ibikorwa by'Urubyiruko mu mashyirahamwe hose mu gihugu kugirango tumenye niba bitashe bibagirira akamaro koko, n'ingorane bahura nazo. Amarushanwa azakorwa muli icyo cyiciro akazaba ali ayo gutera inkunga abakora neza no gukangura abandi ngo babigane.
- Gucengeza murubyiruko amatwara yo gushaka uburyo bwose bwiza bwo kwirwanaho kugirango rushobore kuzibeshaho neza mu minsi ili imbere.

Umusore, inkumi, buli wese akagira umwihaliko, iby' umulima bitashoboka akagira itungo, kandi agafatanya n'ababyeyi gukora.

- Gufasha urubyiruko kugirango ababyumva babishoboye baterwe inkunga na Banki z'Abaturage kugirango babone inguzanyo ya "fond de garantie".ikabishingira.
- Gushyiraho abayobozi b'Urubyiruko mu rwego rwa Segiteri - Abayobozi bo munzego zose bazahugurwa.

.../...

- Kurukangulira no kurukundisha umuco-nyarwanda ali mu mikino no mu myidagaduro.
- Kurwigisha gusoma no kwandika kubatabizi, bigakorerwa mubigo by'Urubyiruko no mu mashyirahamwe.
Urubyiruko rugomba kandi gukangúkira kurushaho amatwara ya Muvoma rwitegura kuzakira Urugaga rwarwo igihe ruzaba rwagiyeho.
- Nyuma yibyo byose tuziga imigambi mishya yashyirwaho kugirango dukomeze gufasha Urubyiruko kwikorera no gukorera igihugu rugiteza imbere.

Icyo dusaba Urubyiruko muli uyu mwaka warwo

3 - Uyu mwaka bazarangiza buli wese, umusore n'inkumi, afite igikorwa cy'umwihaliko cyangwa se ali mu ishyirahamwe byamufasha.
- Urubyiruko rugomba kugera ku ntego y'amahoro rwilinda ubuzererezi, rukihatira gukora aho kunyunyuza imitsi y'abandi, rukaba mu bambere mukubahiliza intego y'uyu mwaka yo kwongera umusaruro.

Abanyamakuru

Namwe abanyamakuru ni mudufashe nkuko mubisanganywe, ariko uyu mwaka muzarusheho gukangura Urubyiruko kugirango rurusheho gukunda umulimo aho kugira ngo bise naho ali siporo gusa, bigaragare koko ko imyidagaduro iza nyuma y'imilimo. iyo milimo yabayeho koko. Namwe mukabigaragaza mutibanda ku by'imikino gusa.